RISA
Rwanda Information Society Authority

Taliki: ...18.../11/2024
Ref: RISA/CEO/...746.../2024

**Umuyobozi w'Akarere (Bose)**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa/DEA (Kicukiro, Gasabo, Nyarugenge)**

Digitally signed by MINALOC(PS)

Binyujijwe kuri:
**Bwana Umunyabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Bwana/Madamu;

**Impamvu: Kubasaba urubyiruko rw'abakandida bazatoranywamo Intore mu Ikoranabuhanga**

Hashingiwe kuri gahunda yo gusakaza ikoranabuhanga mu gihugu hose no guhugura abaturage mu bumenyi bw'ibanze mu kurikoresha neza no kuryifashisha biteza imbere, ukaba n'umuhigo duhuriyeho binyuze muri gahunda y'Intore mu Ikoranabuhanga (Digital Ambassadors Program - DAP);

Dukomeje kubashimira ubufatanye mu kunoza no kongerera imbaraga ibikorwa bya gahunda y'Intore mu Ikoranabuhanga binyuze mu mikoranire ya bugufi n'inzego z'ibanze nk'uko byatanzweho umurongo mu nama yahuje abayobozi b'inzego za MINALOC na MINICT tariki 14 Gashyantare 2024 ikaba yari iyobowe na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu.

Tuboneyeho kabamenyesha ko RISA kubufatanye n'abaterankunga ba gahunda y'intore mu ikoranabuhanga igiye gutangira igikorwa cyo gushaka intore mu ikoranabuhanga **885** ziyongera ku zisanzwe ziri muri iyi gahunda ya DAP, hagamijwe ko byibuze buri kagari kagira Intore mu ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego tubasaba kutugezaho urutonde rw'abakandida icumi (10) bujuje ibisabwa muri buri kagari, akaba aribo bazatoranywamo intore mu ikoranabuhanga binyuze mu isuzumabumenyi n'isuzumabushobozi (oral interview and practical exam).

Telecom House, 8 KG 7 Ave, Kacyiru, Kigali. Boulevard de l'Umuganda

P.O Box 6603 Kigali-Rwanda Email : info@risa.rw

Umukandida ushaka kuba Intore mu Ikoranabuhanga asabwa ibi bikurikira:

1) Kuba ari umunyarwanda
2) Kuba avuga neza ikinyarwanda
3) Kuba afite imyaka iri hagati ya 18 na 30
4) Kuba yararangije amashuri yisumbuye cyangwa kaminuza.
5) Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.
6) Kuba atuye mu kagari kamutanze nk'umukandida (Byemezwa n'icyangombwa asinyirwa n'ubuyobozi bw'akagari)
7) Kuba yitabira gahunda n'ibikorwa bitandukanye bya leta aho atuye
8) Kuba nta kandi kazi afite cyangwa ibindi bikorwa byabangamira kuzuza inshingano ahabwa muri gahunda y'Intore mu Ikoranabuhanga
9) Kuba afite ubumenyi bw'ibanze mu ikoranabuhanga
10) Kuba azi gukoresha mudasobwa neza ni akarusho

Urutonde ry'abakandida 10 batangwa na buri kagari rugomba kugaragaza amakuru akurikira:

1) Amazina
2) Nimero y'irangamuntu
3) Nimero ya telefone
4) Email
5) Akagali abarizwamo

Turabasaba ko lisiti z'abakandida zemejwe n'abayobozi b' tugari turi ku mugereka w'iyi baruwa turebwa n'iki kiciro zakoherezwa **bitarenze taliki 22/11/2024** kuri email: dap@risa.gov.rw

Ku bindi bisobanuro mwahamagara 0781585501 or 0782941930.

Murakoze, mugire amahoro.

**Innocent B. MUHIZI**
**Chief Executive Officer**
**Rwanda Information Society Authority (RISA)**

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu, Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo
- Bwana, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana, Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y'ikoranabuhanga na Inovasiyo
- Bwana/Madamu Guverineri w'Intara (Bose)
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali